REPUBLIQUE RWANDAISE
SERVICES DU PREMIER MINISTRE
B.P.1334 KIGALI

Kigali, le 11 MARS 1999

N°.096../03.1.2

Madame, Monsieur le Ministre (tous)
Madame, Monsieur le Secrétaire d'Etat (tous)
KIGALI

Madame, Monsieur le Ministre,
Madame, Monsieur le Secrétaire d'Etat,

Ayant constaté une erreur généralement commise dans l'appellation de notre Pays en langue anglaise, il est dorénavant porté à la connaissance de l'Administration Publique que l'appellation « République Rwandaise » en français équivaut à « Republic of Rwanda » en anglais au lieu de « Rwandese Republic ».

Veuillez vous référer à la décision n° 6 du Conseil des Ministres du 23/02/1999 en annexe.

**Pierre Célestin RWIGEMA**

**Premier Ministre**

Copie pour information à :

- S.E. Monsieur le Président de la Republique
- S.E. Monsieur le Vice-Président de la République
- S.E. Monsieur le Président de l'Assemblée Nationale
- S.E.Monsieur le Président de la Cour Suprême

KIGALI

**IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'ABAMINISITIRI YATERANIYE MURI VILLAGE URUGWIRO KU WA KABIRI TARIKI YA 23/2/1999.**

1. Inama y' Abaminisitiri yemeje gahunda y'inama y'uwo munsi igizwe n'ingingo zikurikira:

   a. Gusuzuma ibijyanye n'inshingano za za Minisiteri;

   b. Ibindi.

2. Inama y'Abaminisitiri yimuriye ku wa gatanu tariki ya 26/2/1999:

   a) Gusuzuma inshingano za Minisiteri zitasuzumwe;

   b) Gusuzuma ibyerekeye igurishwa ry'imodoka za Leta.

3. Inama y'Abaminisitiri yemeje inshingano za Minisiteri zikurikira: izo nshingano ziri ku mugereka w'ibi byemezo:

   a) Minisiteri y'Ingabo n'Ubusugire bw'Igihugu:

   Bikumvikana ko inzego zose zishinzwe umutekano zizaba hamwe.

   b) Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu:

   Ibyerekeye imikoranire ya Polisi y'Igihugu na Polisi y'amakomini bizafatwaho umwanzuro nyuma yo kwemeza itegeko rishyiraho Polisi y'Igihugu.

   c) Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu.

   d) Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane bw'Akarere:

   Bikumvikana ko idashinzwe ubukungu bw'Igihugu ahubwo ari umuhuza wa za Minisiteri n'izindi n'ubutwererane n'amahanga. Ni muri urwo rwego amategeko n'imihango bigenga dipolomasi bigomba kubahirizwa, bityo abo mu mahanga bandikira za Minisiteri bakabinyuza kuri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane bw'Akarere na Minisiteri zandikiye abo mu mahanga zikabinyuza muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane bw'Akarere, ariko nayo byayigeraho ikabyihutisha. Ubutwererane bw'Akarere buvugwa bisobanura ubwa akarere u Rwanda rurimo hagamije ubufatanye mu by'ubukungu n'ibya politiki.

   e) Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi.

f) Minisiteri y'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba:

Birumvikana ko OCIR-ishami ry'icyayi rizashamikira kuri iyi Minisiteri; OCIR-thé igashingwa guteza imbere igihingwa cy'icyayi, kongera imirima yacyo, umusaruro n'ubwiza bwacyo no gushyigikira amashyirahamwe y'abahinzi b'icyayi. Izo nshingano igakomeza kuzifatanya n'ibyerekeye inganda n'ubucuruzi bw'icyayi. Ikindi kandi ni uko icyemezo cyo kwegurira inganda z'ibyayi abikorera ku giti cyabo kigomba gukomeza.

g) Minisiteri y'Ingufu, Amazi n'Umutungo Kamere:

Bikumvikana ko inshingano zayo ari ibyerekeye umutungo kamere muri rusange, ikibanda ku bijyana n'ubushakashatsi no kuboneza politiki muri urwo rwego/recherche, expérimentation et conception/research, experimentation, conception, naho ibijyanye no gukoresha uwo mutungo kamere bigakorwa n'izindi Minisiteri. Ishinzwe kandi no kuvugurura imiterere ya Electrogaz. Inama y'Abaminisitiri yemeje ko Electrogaz ishamikiye kuri Minisiteri y'Ingufu, Amazi n'Umutungo Kamere.

h) Minisiteri y'Uburezi.

i) Minisiteri y'Imirimo ya Leta, Gutwara Abantu n'Ibintu n'Itumanaho.

j) Minisiteri y'Ubucuruzi, Inganda n'Ubukerarugendo:

Bikumvikana ko ibyerekeye ubumenyi n'ubushakashatsi bw'amabuye/ geologie/geology birebwa na Minisiteri y'Ingufu, Amazi n'Umutungo Kamere naho ibyerekeye gucukura amabuye y'agaciro bikareba iyi Minisiteri.

k) Minisiteri y'Ubutaka, Gutuza Abantu no Kurengera Ibidukikije:

Bikumvikana ko iberekeye ubutaka byose mu Rwanda biri muri iyi Minisiteri:

- ishinzwe kwiga ibirebana n'ubutaka nk'umutungo kamere, no guhuza amategeko abugenga n'uko bwakoreshwa;
- ni nayo ishinzwe ibyerekeye imiturire y'abantu;
- ibyo gutanga titre de propriété/land title, ariko mu mujyi ikabikora ihereye ku byo ishyikirijwe na Minisiteri y'Imirimo ya Leta, Gutwara Abantu n'Ibintu n'Itumanaho;
- ibyerekeye ibishanga byose ariko Minisiteri y'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba yashaka kubikoresha ikabiyisaba.

l) Minisiteri y'Ubutabera.

m) Minisiteri y'Imibereho Myiza y'Abaturage:

Bikumvikana ko ishinzwe ibyerekeye imibereho myiza y'abaturage muri rusange, ariko ko idashinzwe Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda, kuko yo ireba gusa abakozi biteganyirije. Iyi sanduku ishamikiye kuri Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo.

Bikumvikana kandi ko Minisiteri y'Imibereho Myiza y'Abaturage, ariyo ishinzwe groupes vulnérables/vulnerable groups harimo na ba mayibobo, bitabujije ko Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco na Siporo yashobora kugira icyo imarira abo bana. Ni muri urwo rwego Minisitiri w'Imibereho Myiza y'Abaturage na Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco na Siporo ndetse n'abandi ba Minisitiri basabwe guhura kugira ngo bumvikane ku byo buri Minisiteri yabakorera.

Ku byerekeye Minisiteri ONAPO yashamikiraho, inama y'Abaminisitiri yasabye Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi na Minisitiri w'Ubuzima kuzayishyikiriza mu gihe kitarenze ibyumweru bitatu uhereye ku itariki ya 26/2/1999 ibyashingirwaho kugira ngo ishobore gusuzuma no kwemeza aho izashamikira. Icy'ingenzi kigamijwe n'ugusobanura inshingano izahabwa. Ni ngombwa kandi ko izo nshingano zizaganirwaho n'izindi nzego. Mu gihe ibyasabwe bitarakorwa izaba ikomeje gushamikira aho yari iri.

n) Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo:

Nk'uko byavuzwe, niyo ishamikiyeho Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda.

o) Minisiteri y'Ubuzima.

p) Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Abanyarwandakazi.

Birumvikana ko mu nshingano zayo harimo kugena porogaramu no gutanga umurongo rusange/programs and policies.

r) Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco na Siporo.

s) Minisiteri y'Itangazamakuru Rusange n'Imenyekanisha ry'Amakuru:

Bikumvikana ko ari general information. Hakongerwaho inshingano ya gatanu iteye itya:

Kuba umuvugizi wa Guverinoma: kuvuga ibyemezo byafashwe n'inama y'Abaminisitiri.

t) Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika ushinzwe Imikoranire y'Inzego za Leta n'izindi.

4. Inama y'Abaminisitiri yashyigikiye ko n'ubwo habayeho ivugururwa rya Guverinoma, ingengo y'imari ya Leta itazongerwa mbere y'ivugururwa ryayo riteganijwe muri Kamena 1999. Yashyigikiye kandi ko umubare w'abakozi utazongerwa ahubwo ko bagomba gusaranganywa; politiki yo kugabanya abakozi ba Leta ya mbere y'ivugururwa igakomeza.

5. Inama y'Abaminisitiri yasabye Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi na Minisitiri w'Imirimo ya Leta, Gutwara Abantu n'Ibintu n'Itumanaho kwiga ikibazo cyerekeye imodoka Leta ikwiye kugenera ba Minisitiri, bagatanga ibitekerezo ku buryo bwose bushoboka bakurikije uko ahandi bigenda, kugira ngo izafate umwanzuro ku buryo yahitamo, cyakora nk'uko byemejwe mu gihe hasuzumwaga ingengo y'imari ya Leta, muri uyu mwaka nta kizahinduka.

6. Inama y'Abaminisitiri yemeje inyito mu rurimi rw'icyongereza ya Repubulika y'u Rwanda: ni Republic of Rwanda. Isaba ko itegeko ryashyizeho inyito yo mu rurimi rw'igifaransa ryahinduka.

7. Inama y'Abaminisitiri yemeje kubanza gushyira mu bikorwa icyemezo cyo gukoresha imodoka za Leta nk'uko zasaranganijwe, ibibazo bivutse nyuma bigashakirwa umwanzuro hakurikijwe uko biteye kuri buri Minisiteri.

Kigali, ku wa 23/2/1999

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
Pasiteri BIZIMUNGU

Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika
akaba na Minisitiri w'Ingabo n'Ubusugire bw'Igihugu
Jenerali Majoro Pawulo KAGAME

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
Petero Selesitini RWIGEMA

Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika
Patrick MAZIMHAKA

Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika
ushinzwe Imikoranire y'Inzego za Leta n'Izindi
Dogiteri Anasitazi GASANA

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
Désiré NYANDWI

Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu
Sheikh Abdoul Karim HARERIMANA

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga
n'Ubutwererane bw'Akarere
Amri SUED

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
Dogiteri Donald KABERUKA

Minisitiri w'Ubuhinzi, Ubworozi
n'Amashyamba
Dogiteri Ephraïm KABAIJA

Minisitiri w'Uburezi
Emmanuel MUDIDI

Minisitiri w'Ingufu, Amazi n'Umutungo Kamere
Bonaventure NIYIBIZI

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda
n'Ubukerarugendo
Mariko RUGENERA

Minisitiri w'Ubutaka, Gutuza Abantu no
Kurengera Ibidukikije
Dogiteri Yozefu NSENGIMANA

Minisitiri w'Ubutabera
Yohani w'Imana MUCYO

Minisitiri w'Imibereho Myiza y'Abaturage
Karoli NTAKIRUTINKA

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
Yohani Nepomuseni NAYINZIRA

Minisitiri w'Iterambere ry'Abanyarwandakazi
Angelina MUGANZA

Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco
na Siporo,
Faransisiko NGARAMBE

Minisitiri w'Ihugurwa Rusange
n'Imenyekanisha ry'Amakuru
Dogiteri Agusitini IYAMUREMYE

Sekereteri wa Leta mu by'Imari
n'Igenamigambi
Emmanuel NDAHIMANA

Sekereteri wa Leta mu by'Ubuhinzi,
Ubworozi n'Amashyamba
Lawuriyani NGIRABANZI

Sekereteri wa Leta mu by'Ubutaka, Gutuza
Abantu no Kurengera Ibidukikije
Zayinabo KAYITESI Sylivie